UMWEPISKOPI YASHYIZE IBUYE RY'IFATIZO KURI KILIZIYA YA PARUWASI YA GAKERI

Kuri uyu wa kabiri tariki ya 15 Mutarama 2019 nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo yagiye muri Paruwasi ya GAKERI gushyira ibuye ry'ifatizo kuri Kiliziya yaho abakristu basabye kuvugurura no kongera. Ubwo yahageraga yahasanze abakristu benshi bariho bakora umuganda bashishikariye kubaka Kiliziya yabo. Ubwo yahageraga yakiriwe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Gakeri Christophe MUDAHERANWA, Vice Mayor w'Akarere ka RUTSIRO ndetse n'abashinzwe inzego z'umutekano.

Umwepiskopi afatanya n’abayobozi b’Akarere ka RUTSIRO gushyira ibuye ry’ifatizo kuri Kiliziya ya Paruwasi ya GAKERI

Mu butumwa yabahaye, yabashimiye ishyaka bafitiye Kiliziya yabo. Ababwira ko ntagutegereza ko hari undi uzaza kubaha gusengera ahantu heza ko ari bo ubwabo bazabyikorera, bakishakamo ubushobozi. Ati mukomeze mwubake Paruwasi yanyu muyiteze imbere kandi namwe mwiteze imbere. Muturanye n'Ivuriro rya Kiliziya, mujye mutanga mutuelle kugira ngo mushobore kwivuza no kuvuza abanyu. Yakomeje abashishikariza kohereza abana babo ku ishuri bafasha n'abandi bose bataye ishuri gusubira ku ishuri cyane ko umwaka w'amashuri utangiye.

Yashoje yongera kubifuriza Umwaka mushya muhire wa 2019.

Padiri Jean Marie KWIZERA